

REPUBLIKA Y'U RWANDA



MINISITERI Y'UBUREZI, UBUMENYI,
IKORANABUHANGA N'UBUSHAKASHATSI
IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE INTEGANYANYIGISHO.

Integanyanyigisho z'ikinyarwanda mu mashuri abanza

ICYICIRO CYA MBERE

© **IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE INTEGANYANYIGISHO.**

Kigali, Kanama 2004

Ivugururwa ry'integanyanyigisho z'ikinyarwanda z'amashuri abanza ryo mu mwaka w'2004

0. Imvano

Nyuma y'amarorerwa y'itsembabwoko n'itsembatsemba yagwiriye u Rwanda mu mwaka wa 1994, byabaye ngombwa ko integanyanyigisho z'amashuri abanza n'ayisumbuye zivugururwa kugira ngo hakosorwe ibyari bikocamye. Ivugururwa ryo muri 1997 ryakozwe hutihuti kubera ingorane zinyuranye igihugu cyari gifite n'ibibazo byihutirwa byagombaga gukemurwa mu burezi. Muri iki gihe zimwe mu ngorane zavuye mu nzira ni ngombwa ko integanyanyigisho zakozwe muri 1997 zinononsorwa hakurikijwe ingamba za Leta mu burezi cyane cyane iyerekeye uburezi kuri bese. Ni muri urwo rwego integanyanyigisho nshya zigomba kwita ku banyeshuri bese baba abacikiza amashuri abanza, baba abazakomeza mu yisumbuye ndetse n'amakuru.

Kubera ko ikinyarwanda ari ururimi kavukire ruhuza Abanyarwanda bese kandi rukaba rwigishwa mu mashuri abanza kuva mu mwaka wa mbere kugeza mu wa gatandatu, ni ngombwa ko urwo rurimi rwitabwaho mu burezi cyane cyane ko ari na rwo rukoreshwa mu kwigisha mu myaka itatu ya mbere y'amashuri abanza.

Gusoma no kwandika ni inkingi y'amajyambere ahamye. Ni yo mpamvu bigomba kwitabwaho ku buryo bw'umwihariko cyane cyane mu mashuri abanza. Umwana w'Umunyarwanda agatozwa umuco wo gusoma no kwandika akiri muto bityo akawukurana akanawusakaza mu bandi.

Muri izi nteganyanyigisho nshya twitaye kandi ku bumenyigiro ku buryo bw'umwihariko kugira ngo dufashe abana b'u Rwanda mu buzima bwabo bwa buri munsu kandi tubashishikarize kwita ku bibazo bibangamiye isi muri rusange n'igihugu cyacu ku buryo bw'umwihariko. Ingingo zitaweho cyane cyane ni sida, ibidukikije, uburinganire, uburenganzira bw'umwana n'ubw'ikiremwa muntu, gukunda igihugu no kwimakaza umuco w'amahoro.

0.1. Ibigamijwe muri iri vugururwa ry'integanyanyigisho z'amashuri abanza

- Guha abarimu n'abanyeshuri bo mu mashuri abanza integanyanyigisho zijyanye n'intego ndetse n'ibyifuzo by'igihugu muri rusange.
- Gushyira ahagaragara integanyanyigisho zizorohereza abanditsi n'amacapiro mu gihe cyo kwandika no gucapa ibitabo mfashanyigisho.
- Gushyira ahagaragara integanyanyigisho ziteguwe ku buryo bunoze kandi bujyanye n'igihe.

0.2 Ibyitaweho cyane muri iri vugururwa

0.2.1 Ibireba umunyeshuri

- Kumukundisha ururimi rwe kavukire
- Kumutoza umuco wo gusoma no kwandika akiri muto
- Kumutoza guhimba
- Kumutoza umuco nyarwanda
- Kumuha ubumenyigiro buzamufasha mu buzima busanzwe

0.2.2 Ibireba mwarimu

Kumuha integanyanyigisho imworohera mu gutegura isomo no kuritanga tumwereka intego rusange ya buri mwaka, ibigomba kwigwa buri gihembwe na buri cyumweru, ibyo umunyeshuri agomba gukora mu isomo, imfashanyigisho, n'imbenezamasomo.

0.2.3 Ibireba abanditsi n'amacapiro

Kubaha integanyanyigisho yerekana umurongo uzangenderwaho mu kwandika ibitabo mfashanyigisho

0.3 Imivugururire y'izi nteganyanyigisho

- Mu ivugururwa ry'izi nteganyanyigisho twahereye ku nteganyanyigisho zo muri 1997.
- Twitaye ku ntego n'ibyifuzo rusange bya Leta y'u Rwanda mu burezi cyane cyane intego y'uburezi kuri bose n'iyi gutoza umwana w'Umunyarwanda umuco wo gusoma no kwandika.
- Twahaye umwanya ugaragara ubumenyingingiro rusange cyane cyane ibyerekeye sida, ibidukikije, uburinganire, uburenganzira bw'umwana n'ubw'ikiremhamuntu, gukunda igihugu, kwimakaza umuco w'amahoro
- Ku wa 23 Kamena 04 twakurikiye amasomo y'ikinyarwanda mu mashuri abanza ya Remera catholiqueI kugira ngo turebe niba amasomo y'ikinyarwanda atangwa ku buryo buhitwe. Nyuma twagiranye ikiganiro n'abarimu batubwira ingorane bagira n'ibibazo bijyanye no kwigisha isomo ry'ikinyarwanda muri rusange. Twazirikanye ingorane batugejejeho mu kuvugurura izi nteganyanyigisho kuko twumvaga atari umwihariko wabo.
- Twifashishije bimwe mu bikorwa mu bindi bihugu mu kwigisha indimi kavukire cyane cyane ibikorwa mu gihugu cya Zambia aho kwigisha gusoma no kwandika mu mashuri abanza byahagurukiwe kuva mu mwaka w'1999 (*New Breakthrough to Literacy*).
- Nyuma yo gutegura integanyanyigisho twazihaye abarimu barambye mu kazi (Ikigo cy'amashuri abanza cya **Save A** n'Ikigo cy'amashuri abanza cyigenga cya **Elena Guerra**), abakozi b'Ikigo cya Leta gishinzwe integanyanyigisho, n'abarimu ba Kaminuza bazobereye mu iyigandimi kugira ngo bagire icyo bazivugaho.

0.4 Imiterere y'integanyanyigisho

- Mu ntangiriro ya buri nteganyanyigisho y'icyiciro hari iriburiro, imbenezanyigisho rusange, imbenezamasomo rusange n'intego rusange bya buri mwaka.

- Buri mwaka ugabanyijemo ibihembwe bitatu

- Buri gihembwe kigabanyijemo ibyumweru umunani byo kwigisha, ibyumweru bisigara biharirwa kurangiza ibitarangiye, gusubiramo no gukora ibizamini.

- Buri cyumweru gifite intego zihariye, ibyigwa, imbenezamasomo, imfashanyigisho n'ibikorwa by'umunyeshuri mu isomo

0.5. Igihe ivugururwa ryakorewe: Kuva ku wa 21 Kamena kugeza 24 Nyakanga 2004

0.6 Ibyifuzo

- Kugira ngo izi nteganyanyigisho zishyirwe mu bikorwa ni ngombwa ko ibitabo bihagije hamwe n'izindi mfashanyigisho bigera ku banyeshuri vuba mu gihugu cyose.

- Mu rwego rwo gufasha umwarimu n'umunyeshuri kwibonera imfashanyigisho, byaba byiza kuri buri kigo cy'amashuri hashyizwe isomero.

- Hagomba abarimu bashoboye kwigisha isomo ry'ikinyarwanda no guhugura abasigaye kugira ngo bibafashe mu myigishirize mishya y'urwo rurimi.

- Mu myigishirize mishya y'ikinyarwanda byaba byiza hateganyijwe uburyo bw'iyumvabona (gukoresha tereviziyo na sinema) ndetse n'ibinyamakuru.

- Ni ngombwa kwita ku bwuzuzanye bw'ikinyarwanda n'izindi nyigisho.

- Mu rwego rwo gucengera ururimi no guhamya umuco w'igihugu ni ngombwa gukoresha amarushanwa y'ubwanditsi mu banyeshuri cyane cyane abo mu cyiciro cya kabiri.

- Kubera ko amategeko y'imyandikire y'ikinyarwanda ariho ubu akemangwa, akwiye kuvugururwa, hakagaragazwa imyandikire ikemura ibibazo bihari maze inzego zibishinzwe zikayitangaza.

- Mu gushishikariza abanyeshuri ubwanditsi ni ngombwa gushyiraho ibinyamakuru bijyanye n'ikigero cyabo cyangwa se ibinyamakuru byigenga bigaterwa inkunga kuko byunganira Leta.

- Hakwiriye gushyirwaho inama y'igihugu y'urutonde yagena amagambo y'amuga akoreshwa mu mashuri no mu zindi nzego z'imirimo.
- Mu byigishwa byose, ururimi rwigishirizwamo rugomba gukoreshwa ku buryo bukwiye haba mu mvugo cyangwa mu nyandiko

0.7 Abateguye integanyanyigisho

- BIZIMUNGU Célestin, umugenzuzi mu Bugenzuzi Bukuru bw' Amashuri
- BUGIRIMFURA Alfred, inararibonye mu gutegura integanyanyigisho z'ikinyarwanda
- MUKAYIREGE Julienne, umuteganyanyigisho mu Kigo cy'Igihugu Gishinzwe Integanyanyigisho
- MUREKATETE M. Béatrice, umuteganyanyigisho mu Kigo cy'Igihugu Gishinzwe Integanyanyigisho
- MWUNGERI Evariste, umuteganyanyigisho mu Kigo cy'Igihugu Gishinzwe Integanyanyigisho
- NIKUZE Homberga, umuyobozi w'ikigo cy'amashuri Remera catholiqueI
- NIYIBAHO Sylvestre, umuteganyanyigisho mu Kigo cy'Igihugu Gishinzwe Integanyanyigisho
- NTAKIRUTIMANA Evariste, umwarimu mu ishamba ry'indimi muri Kaminuza y'u Rwanda

ICYICIRO CYA MBERE

0.1. IRIBURIRO

Ikinyarwanda ni ururimi kavukire ruhuza Abanyarwanda bose, rukoreshwa mu nzego zose z'ubutegetsi n'iz'imirimu, rwigishwa mu mashuri nk'inyigisho kandi rugakoreshwa mu kwigisha izindi cyane cyane mu cyiciro cya mbere cy'amashuri abanza. Ikindi kandi rubumbatiye umuco w'igihugu.

Umwana w'Umunyarwanda yiga inyigisho y'ikinyarwanda kugira ngo ajijuke kandi ashobore gushyikirana n'abandi. Kuba asanzwe yumva kandi avuga ikinyarwanda bizamufasha kumenya gusoma no kwandika bitamugoye, bityo ashobore kwiga mu kinyarwanda izindi nyigisho ziteganyijwe, ashobore gushyikirana n'inzego z'ubutegetsi n'iz'imirimu kandi yikungahazemo umuco nyarwanda.

Integanyanyigisho ivuguruye y'ikinyarwanda izafasha umunyeshuri na mwarimu kugera kuri izo ntego vuba kandi batavunitse. Umunyeshuri azitoza hakiri kare kuba Umunyarwanda wuzuye ugira isuku n' ikinyabupfura, wita ku ku bidukikije, wirinda ibiyobyabwenge n'ibindi byorezo, cyane cyane icya sida, wimakaza umuco w'amahoro, wubahiriza uburenganzira bwa muntu n'uburinganire, uharanira ubumwe n'ubwiyunge.

By'umwihariko iyi nteganyanyigisho izaha umunyeshuri **ubushobozi bw'ibanze bwo kuvuga atajijinganya, gusoma adategwa cyangwa ngo agemure, kwandika nta kosa kandi anoza umukono, gusobanukirwa n'ibyo asomye cyangwa abwiwe.**

Ubwo bumenyi, ubumenyigiro, ubukeshya n'ubushobozi umunyeshuri azaba yungukiye muri iyi nteganyanyigisho bizamufasha gukurikira uko bikwiye inyigisho zo mu cyiciro cya kabiri cy'amashuri abanza.

0.2. IMBONEZANYIGISHO RUSANGE

Imyigishirize y'ikinyarwanda mu cyiciro cya mbere cy'amashuri abanza igomba guhera ku mfashanyigisho zifatika, zifite aho zihuriye n'umuco, amateka, ibidukikije n'imibereho y'Abanyarwanda kandi zijyanye n'ikigero cy'abanyeshuri. Iryo yigisha rizaha umunyeshuri uruhare runini rwo kwitoza kumva, kuvuga, gusoma, kwandika, gutekereza, gushyira mu gaciro no kwerekana imbamutima ze ashize amanga.

Integanyanyigisho ivuguruye iteganya kandi kwigisha inyuguti nto n'inyuguti nkuru icyarimwe. Dore uko byakorwa: kwandika inyuguti nto n'inyuguti nkuru mu mpushya ebyiri. Uruhushya rumwe rujyamo inyuguti nto, urundi inkuru maze mwarimu n'abanyeshuri bakazigereranya bagasanga zitandukanyijwe n'uko hamwe hari inyuguti nto ahandi inkuru. Hakurikiraho gusoma no kwandika izo nyuguti.

0.3. IMBONEZAMASOMO RUSANGE

- Kugira ngo isomo ry'ikinyarwanda rishobore kwigishwa neza, rigomba gutegurwa bihagije rihereye ku kigero cy'umunyeshuri kandi rifatiye ku byo asanzwe azi.

- Muri buri nyigisho, mwarimu agaragaza intego ngenamukoro, yiyambaza imfashanyigisho imwunganira mu kugeza umunyeshuri kuri izo

ntego z'isomo.

- Inyigisho y'ikinyarwanda **igomba gushingira ku munyeshuri**. Ni yo mpamvu agomba **guhahwa uruhare runini mu kumva, kuvuga, gusoma atagemura, kwandika anoza umukono kandi nta kosa, kwitegereza, gutekereza, gusesengura no guhanga**.

- Inyajwi, ingombajwi, inyerera n'igihekane byigishirizwa iteka mu ijambo cyangwa mu nteruro.

- Mu cyiciro cya mbere cy'amashuri abanza, mwarimu afite uruhare rwo kuyobora umunyeshuri amufasha kuvumbura, amukosora, amwerekera kugira ngo amugeze ku ntego z'isomo. Mwarimu agomba kubahiriza iyi mbata y'imyigishirize yo gusoma no kwandika inyuguti :

1. Gusubiramo cyangwa indi ntangiriro
2. Gusaba abanyeshuri kuvuga amagambo bahereye ku mfashanyigisho beretswe
3. Gusaba abanyeshuri gutahura inyuguti nshya/ igihekane gishya mu magambo yanditse
4. Gusaba abanyeshuri kuyitegereza/ kucyitegereza
5. Gusaba abanyeshuri kuyigana bandika/ kucyigana bandika
6. Gusaba abanyeshuri kuyisoma/ Gusaba abanyeshuri gusoma igihekane
7. Gusaba abanyeshuri gutanga ingero
8. Gusaba abanyeshuri gusoma amagambo cyangwa interuro iyo nyuguti irimo/ icyo gihekane kirimo

0.4 IYIGAMWANDIKO

Iyigamwandiko ni intera ikomeye mu iyigarurimi. Mwarimu afite uruhare rwo kunganira umunyeshuri mu kungura imvugo n'inyandiko, akumva, agasoma, akavuga, akandika mu buryo buboneye. Ubwo rero mwarimu agomba kubahiriza iyi mbata y'iyigamwandiko.

1. Ivumburamatsiko
2. Gusoma bucece
3. Gusoma aranguruye
4. Inyunguramagambo

0.5. INTEGO RUSANGE

0.5.1. Umwaka wa mbere

Umunyeshuri urangije umwaka wa mbere agomba kuba ashobora:

- 2 Kwandika inyuguti zose z'ikinyarwanda zitari igihekane (umukono, inyuguti nkuru)
- 3 Gusoma amagambo, interuro cyangwa utwandiko tugufi bitarimo igihekane.

0.5.2. Umwaka wa kabiri

Umunyeshuri urangije umwaka wa kabiri agomba kuba ashobora:

- Kwandika igihekane by'ikinyarwanda bigizwe n'inyuguti ebyiri no kwandika bimwe mu bigizwe n'inyuguti eshatu.
- Gusoma amagambo, interuro cyangwa utwandiko birimo igihekane by'inyuguti ebyiri ndetse na bimwe bigizwe n'inyuguti eshatu.

0.5.3. Umwaka wa gatatu

Umunyeshuri urangije umwaka wa gatatu agomba kuba ashobora:

- Kwandika inyuguti zose z'ikinyarwanda (umukono, inyuguti nkuru)
- Gusoma no kwandika amagambo, interuro cyangwa imyandiko iciriritse.

0.6 ISUZUMABUMENYI

Mbere yo gutanga isomo, mwarimu akena intego ashaka kugeraho, bityo ateganya n'uburyo bw'isuzuma kugira ngo amenye niba koko intego yagezweho by'ukuri, bikaba byatuma atera imbere cyangwa aba aretse. By'umwihariko, mu nyigisho y'ikinyarwanda, imyitozo y'isuzuma izaba ishingiye ku kumva, kuvuga, gusoma no kwandika yigana cyangwa ahanga. Ntibizabuza kandi mwarimu guteganya amasuzuma nyuma y'igihe iki n'iki cyangwa nyuma y'icyiciro bitewe n'intego ashaka kugeraho.

1.UMWAKA WA MBERE

1.1 Igihembwe cya mbere

Icyumweru	Intego zihariye	Ibyigwa	Imbonezamasomo	Imfashanyigisho	Ibikorwa n'umunyeshuri
Icyumweru	- Guca imirongo	Imisharabiko	- Gutangiza akaririmbo gatuma batinyuka,	Meterobuhine,	- Kwitegereza imfashanyigisho no

cya mbere	yeretswe adaharatura icyo yandikaho		basabana - Kwereka abanyeshuri imfashanyigisho - Guca imirongo ku kibaho - Gusaba abanyeshuri kuyigana no kubereka - Gutoza abanyeshuri kwandika batunamirije n'uburyo buboneye bwo gufata ikaramu	uruziga, agacamurongo, igurudumu	guca imirongo igororotse, iberamye, ihese, igoronzoye, ivunaguye, iburungushuye
Icyumweru cya kabiri	- Gutahura inyajwi a mu magambo yumvise - Gusoma inyajwi a - Kwandika inyajwi a anoza umukono	Inyajwi a	- Kwereka abanyeshuri imfashanyigisho - Gusaba abanyeshuri gutahura ijwi ryigwa - Gusaba abanyeshuri gutanga ingero zirimo inyajwi a - Gusomesha amagambo arimo inyajwi a - Gutoza abanyeshuri gusoma batunamye ku byo basoma, badashyiramo agati cyangwa urutoki. - Kwandikisha inyajwi a	- Ingero zifatika ziboneka aho ishuri riri (amababa, amakara, amasaka, amatama, ...) - Amafoto, amashusho cyangwa ibishushanyo	- Kuvuga amagambo arimo inyajwi a - Gutahura inyajwi a muri ayo magambo - Kwitegereza inyajwi a - Gusoma amagambo arimo inyajwi a atunamye ku byo asoma, adashyiramo agati cyangwa urutoki. - Kwandika inyajwi a

Umwaka wa mbere: igihembwe cya mbere

Icyumweru	Intego zihariye	Ibyigwa	Imbonezamasomo	Imfashanyigisho	Ibikorwa n'umunyeshuri
Icyumweru cya gatatu	- Gutahura inyajwi i mu magambo yumvise	Inyajwi i	- Kwereka abanyeshuri imfashanyigisho - Gusaba abanyeshuri gutahura ijwi ryigwa - Gusaba abanyeshuri gutanga ingero zirimo	- Ingero zifatika ziboneka aho ishuri riri (Ifi, igi, igiti,	- Kuvuga amagambo arimo inyajwi i. - Gutahura inyajwi i muri ayo magambo

	<ul style="list-style-type: none"> - Gusoma inyajwi i - Kwandika inyajwi i anoza umukono 		<p>inyajwi i</p> <ul style="list-style-type: none"> - Gusomesha amagambo arimo inyajwi i - Gutoza abanyeshuri gusoma batunamyeye ku byo basoma, badashyiramo agati cyangwa urutoki - Kwandikisha inyajwi i 	<p>ikibiriti...)</p> <ul style="list-style-type: none"> - Amafoto, amashusho cyangwa ibishushanyo 	<ul style="list-style-type: none"> - Kwitegereza inyajwi i - Gusoma amagambo arimo inyajwi i atunamyeye ku byo asoma, adashyiramo agati cyangwa urutoki - Kwandika inyajwi i
Icyumweru cya kane	<ul style="list-style-type: none"> - Gutahura inyajwi u mu magambo yumvise - Gusoma inyajwi u - Kwandika inyajwi u anoza umukono 	Inyajwi u	<ul style="list-style-type: none"> - Kwereka abanyeshuri imfashanyigisho - Gusaba abanyeshuri gutahura ijwi ryigwa - Gusaba abanyeshuri gutanga ingero zirimo inyajwi u - Gusomesha amagambo arimo inyajwi u - Gutoza abanyeshuri gusoma batunamyeye ku byo basoma, badashyiramo agati cyangwa urutoki - Kwandikisha inyajwi u 	<ul style="list-style-type: none"> - Ingero zifatika ziboneka aho ishuri riri (uruhu, ukuguru, uruvu, ubururu, ...) - Amafoto, amashusho cyangwa ibishushanyo 	<ul style="list-style-type: none"> - Kuvuga amagambo arimo inyajwi u - Gutahura inyajwi u muri ayo magambo - Kwitegereza inyajwi u - Gusoma amagambo arimo inyajwi u atunamyeye ku byo asoma, adashyiramo agati cyangwa urutoki - Kwandika inyajwi u

Umwaka wa mbere: igihembwe cya mbere

Icyumweru	Intego zihariye	Ibyigwa	Imbonezamasomo	Imfashanyigisho	Ibikorwa n'umunyeshuri
Icyumweru	- Gutahura inyajwi e	Inyajwi e	- Kwereka abanyeshuri imfashanyigisho	- Ingero zifatika	- Kuvuga amagambo arimo inyajwi e .

cya gatanu	mu magambo yumvise - Gusoma inyajwi e - Kwandika inyajwi e anoza umukono		- Gusaba abanyeshuri gutahura ijwi ryigwa - Gusaba abanyeshuri gutanga ingero zirimo inyajwi e - Gusomesha amagambo arimo inyajwi e - Gutoza abanyeshuri gusoma batunamye ku byo basoma, badashyiramo agati cyangwa urutoki - Kwandikisha inyajwi e	ziboneka aho ishuri riri (ihene, igare, umuneke, meme, ...) - Amafoto, amashusho cyangwa ibishushanyo	- Gutahura inyajwi e muri ayo magambo - Kwitegereza inyajwi e - Gusoma amagambo arimo inyajwi e tunamye ku byo asoma, adashyiramo agati cyangwa urutoki - Kwandika inyajwi e
Icyumweru cya gatandatu	- Gutahura inyajwi o mu magambo yumvise - Gusoma inyajwi o - Kwandika inyajwi o anoza umukono	Inyajwi o	- Kwereka abanyeshuri imfashanyigisho - Gusaba abanyeshuri gutahura ijwi ryigwa - Gusaba abanyeshuri gutanga ingero zirimo inyajwi o - Gusomesha amagambo arimo inyajwi o - Gutoza abanyeshuri gusoma batunamye ku byo basoma, badashyiramo agati cyangwa urutoki - Kwandikisha inyajwi o	- Ingero zifatika ziboneka aho ishuri riri (urudodo, imoso, dodo,, ukuboko, ...) - Amafoto, amashusho cyangwa ibishushanyo	- Kuvuga amagambo arimo inyajwi o. - Gutahura inyajwi o muri ayo magambo - Kwitegereza inyajwi o - Gusoma amagambo arimo inyajwi o atunamye ku byo asoma, adashyiramo agati cyangwa urutoki - Kwandika inyajwi o

Umwaka wa mbere: igihembwe cya mbere

Icyumweru	Intego zihariye	Ibyigwa	Imbonezamasomo	Imfashanyigisho	Ibikorwa n'umunyeshuri
Icyumweru cya karindwi	<ul style="list-style-type: none"> - Gutahura ingombajwi r mu magambo yumvise - Gusoma amagambo n'interuro birimo ingombajwi r - Kwandika amagambo n'interuro birimo ingombajwi r, nta kosa kandi anoza umukono 	Ingombajwi r	<ul style="list-style-type: none"> - Gufasha abanyeshuri gusesengura imfashanyigisho - Gusaba abanyeshuri gutahura ijwi ryigwa - Gusaba abanyeshuri gutanga ingero zirimo ingombajwi r - Gusomesha amagambo arimo ingombajwi r - Gusomesha interuro ngufi zirimo ingombajwi r - Kwandikisha ingombajwi r - Kwandikisha amagambo n'interuro ngufi birimo ingombajwi r 	<ul style="list-style-type: none"> - Ingero zifatika ziboneka aho ishuri riri (ururabo, ururo, urura, ...) - Amashusho, ibishushanyo cyangwa agakuru 	<ul style="list-style-type: none"> - Kuvuga amagambo arimo ingombajwi r - Gutahura ingombajwi r muri ayo magambo - Kwitegereza ingombajwi r - Gusoma amagambo n'interuro ngufi birimo ingombajwi r - Kwandika ingombajwi r - Kwandika amagambo n'interuro ngufi birimo ingombajwi r

Umwaka wa mbere: igihembwe cya mbere

Icyumweru	Intego zihariye	Ibyigwa	Imbonezamasomo	Imfashanyigisho	Ibikorwa n'umunyeshuri
Icyumweru cya munani	<ul style="list-style-type: none"> - Gutahura ingombajwi k mu magambo yumvise - Gusoma amagambo n'interuro birimo ingombajwi k - Kwandika amagambo n'interuro birimo ingombajwi k, nta kosa kandi anozza umukono 	Ingombajwi k	<ul style="list-style-type: none"> - Gufasha abanyeshuri kuvumbura ingombajwi k bahereye ku mfashanyigisho - Gusaba abanyeshuri gutanga ingero zirimo ingombajwi k - Gusomesha amagambo arimo ingombajwi k - Gusomesha interuro ngufi zirimo ingombajwi k - Kwandikisha ingombajwi k - Kwandikisha amagambo n'interuro ngufi birimo ingombajwi k 	<ul style="list-style-type: none"> - Ingero zifatika, ziboneka aho ishuri riri (ikara, kaki, ikiraro, ikoro, ...) - Amashusho, ibishushanyo cyangwa agakuru 	<ul style="list-style-type: none"> - Kuvuga amagambo arimo ingombajwi k - Gutahura ingombajwi k muri ayo magambo - Kwitegereza ingombajwi k - Gusoma amagambo n'interuro ngufi birimo ingombajwi k - Kwandika ingombajwi k - Kwandika amagambo n'interuro ngufi birimo ingombajwi k

1. 2 Umwaka wa mbere: igihembwe cya kabiri

Icyumweru	Intego zihariye	Ibyigwa	Imbonezamasomo	Imfashanyigisho	Ibikorwa n’umunyeshuri
Icyumweru cya mbere	<ul style="list-style-type: none"> - Gutahura ingombajwi b mu magambo yumvise - Gusoma amagambo n’interuro birimo ingombajwi b - Kwandika amagambo n’interuro birimo ingombajwi b, nta kosa kandi anoza umukono 	Ingombajwi b	<ul style="list-style-type: none"> - Kwereka abanyeshuri imfashanyigisho - Gufasha abanyeshuri kuvumbura ingombajwi b - Gusaba abanyeshuri gutanga ingero ingombajwi b - Gusomesha amagambo arimo ingombajwi b - Gusomesha interuro ngufi zirimo ingombajwi b - Kwandikisha ingombajwi b - Kwandikisha amagambo n’interuro ngufi birimo ingombajwi b 	<ul style="list-style-type: none"> - Ingero zifatika ziboneka aho ishuri riri (ibibabi, ibaba, akabeba, uburo, uburiri, ...) - Amashusho, ibishushanyo cyangwa agakuru 	<ul style="list-style-type: none"> - Kuvuga amagambo arimo ingombajwi b - Gutahura ingombajwi b muri ayo magambo - Kwitegereza ingombajwi b - Gusoma amagambo n’interuro ngufi birimo ingombajwi b - Kwandika ingombajwi b - Kwandika amagambo n’interuro ngufi birimo ingombajwi b

Umwaka wa mbere: igihembwe cya kabiri

Icyumweru	Intego zihariye	Ibyigwa	Imbonezamasomo	Imfashanyigisho	Ibikorwa n'umunyeshuri
Icyumweru cya kabiri	<ul style="list-style-type: none"> - Gutahura ingombajwi n mu magambo yumvise - Gusoma amagambo n'interuro birimo ingombajwi n - Kwandika amagambo n'interuro birimo ingombajwi n, nta kosa kandi anoza umukono 	Ingombajwi n	<ul style="list-style-type: none"> - Gufasha abanyeshuri gusesengura imfashanyigisho - Gutahura ingombajwi n bahereye ku mfashanyigisho - Gusaba abanyeshuri gutanga ingero zirimo ingombajwi n - Gusomesha amagambo arimo ingombajwi n - Gusomesha interuro ngufi zirimo ingombajwi n - Kwandikisha ingombajwi n - Kwandikisha amagambo n'interuro ngufi birimo ingombajwi n 	<ul style="list-style-type: none"> - Ingero zifatika ziboneka aho ishuri riri (ino, inoni, kane, ikinini, ikibonobono, ...) - Amashusho, ibishushanyo cyangwa agakuru 	<ul style="list-style-type: none"> - Kuvuga amagambo arimo ingombajwi n - Gutahura ingombajwi n muri ayo magambo - Kwitegereza ingombajwi n - Gusoma amagambo n'interuro ngufi birimo ingombajwi n - Kwandika ingombajwi n - Kwandika amagambo n'interuro ngufi birimo ingombajwi n

Umwaka wa mbere: igihembwe cya kabiri

Icyumweru	Intego zihariye	Ibyigwa	Imbonezamasomo	Imfashanyigisho	Ibikorwa n’umunyeshuri
Icyumweru cya gatatu	<ul style="list-style-type: none"> - Gutahura ingombajwi m mu magambo yumvise - Gusoma amagambo n’interuro birimo ingombajwi m - Kwandika amagambo n’interuro ngufi birimo ingombajwi m nta kosa kandi anoza umukono 	Ingombajwi m	<ul style="list-style-type: none"> - Gufasha abanyeshuri gutahura ingombajwi m bahereye ku mfashanyigisho - Gusaba abanyeshuri gutanga ingero ingombajwi m - Gusomesha amagambo arimo ingombajwi m - Gusomesha interuro ngufi zirimo ingombajwi m - Kwandikisha ingombajwi m - Kwandikisha amagambo n’interuro ngufi birimo ingombajwi m 	<ul style="list-style-type: none"> - Ingero zifatika ziboneka aho ishuri riri (Amano, amakakama, umurama...) - Amashusho, ibishushanyo cyangwa agakuru. 	<ul style="list-style-type: none"> - Kuvuga amagambo arimo ingombajwi m - Gutahura ingombajwi m muri ayo magambo - Kwitegereza ingombajwi m - Gusoma amagambo n’interuro ngufi birimo ingombajwi m - Kwandika ingombajwi m - Kwandika amagambo n’interuro ngufi birimo ingombajwi m

Umwaka wa mbere: igihembwe cya kabiri

Icyumweru	Intego zihariye	Ibyigwa	Imbonezamasomo	Imfashanyigisho	Ibikorwa n’umunyeshuri
Icyumweru cya kane	<ul style="list-style-type: none"> - Gutahura ingombajwi g mu magambo yumvise - Gusoma amagambo n’interuro birimo ingombajwi g - Kwandika amagambo n’interuro birimo ingombajwi g 	Ingombajwi g	<ul style="list-style-type: none"> - Kwereka abanyeshuri imfashanyigisho - Gufasha abanyeshuri gutahura ingombajwi g - Gusaba abanyeshuri gutanga ingero zirimo ingombajwi g - Gusomesha amagambo arimo ingombajwi g - Gusomesha interuro ngufi zirimo ingombajwi g - Kwandikisha ingombajwi g - Kwandikisha amagambo n’interuro ngufi birimo ingombajwi g - Guha abanyeshuri amagambo yo kuzaza 	<ul style="list-style-type: none"> - Ingero zifatika ziboneka aho ishuri riri (amagi, ikigori, umugezi, umugani, umugano, ...) - Amashusho, ibishushanyo cyangwa agakuru. 	<ul style="list-style-type: none"> - Kuvuga amagambo arimo ingombajwi g - Gutahura ingombajwi g muri ayo magambo - Kwitegereza ingombajwi g - Gusoma amagambo n’interuro ngufi birimo ingombajwi g - Kwandika ingombajwi g - Kwandika amagambo n’interuro ngufi birimo ingombajwi g - Kuzurisha ijambo ingombajwi yizwe

Umwaka wa mbere: igihembwe cya kabiri

Icyumweru	Intego zihariye	Ibyigwa	Imbonezamasomo	Imfashanyigisho	Ibikorwa n’umunyeshuri
Icyumweru cya gatanu	<ul style="list-style-type: none"> - Gutahura inyerera y mu magambo yumvise - Gusoma amagambo n’interuro birimo inyerera y - Kwandika amagambo n’interuro birimo inyerera y 	inyerera y	<ul style="list-style-type: none"> - Gufasha abanyeshuri gusesengura imfashanyigisho - Gusaba abanyeshuri gutahura ijwi ryigwa - Gusaba abanyeshuri gutanga ingero zirimo inyerera y - Gusomesha amagambo arimo inyerera y - Gusomesha interuro ngufi zirimo inyerera y - Kwandikisha inyerera y - Kwandikisha amagambo n’interuro ngufi birimo inyerera y - Gukoresha imyitozo ku nteruro ngufi 	<ul style="list-style-type: none"> - Ingero zifatika ziboneka aho ishuri riri (amoya, uruyuki, amayugi, iyogi, ...) - Amashusho, ibishushanyo cyangwa agakuru. 	<ul style="list-style-type: none"> - Kuvuga amagambo arimo inyerera y - Gutahura inyerera y muri ayo magambo - Kwitegereza inyerera y - Gusoma amagambo n’interuro ngufi birimo inyerera y - Kwandika inyerera y - Kwandika amagambo n’interuro ngufi birimo inyerera y - Kwandika amagambo mu mwanya wayo ku buryo arema interuro iboneye

--	--	--	--	--	--

Umwaka wa mbere: igihembwe cya kabiri

Icyumweru	Intego zihariye	Ibyigwa	Imbonezamasomo	Imfashanyigisho	Ibikorwa n'umunyeshuri
Icyumweru cya gatandatu	<ul style="list-style-type: none"> - Gutahura ingombajwi t mu magambo yumvise - Gusoma amagambo n'interuro birimo ingombajwi t - Kwandika amagambo n'interuro birimo ingombajwi t 	Ingombajwi t	<ul style="list-style-type: none"> - Gufasha abanyeshuri gutahura ingombajwi t bahereye ku mfashanyigisho - Gusaba abanyeshuri gutanga ingero zirimo ingombajwi t - Gusomesha amagambo arimo ingombajwi t - Gusomesha interuro ngufi zirimo ingombajwi t - Kwandikisha ingombajwi t - Kwandikisha amagambo n'interuro ngufi birimo ingombajwi t 	<ul style="list-style-type: none"> - Ingero zifatika ziboneka aho ishuri riri (umutaka, umutobe, umutemeri, amata, gatatu, ...) - Amashusho, ibishushanyo cyangwa agakuru 	<ul style="list-style-type: none"> - Kuvuga amagambo arimo ingombajwi t - Gutahura ingombajwi muri ayo magambo - Kwitegereza ingombajwi t - Gusoma amagambo n'interuro ngufi birimo ingombajwi t - Kwandika ingombajwi t - Kwandika amagambo n'interuro ngufi birimo ingombajwi t

--	--	--	--	--	--

Umwaka wa mbere: igihembwe cya kabiri

Icyumweru	Intego zihariye	Ibyigwa	Imbonezamasomo	Imfashanyigisho	Ibikorwa n’umunyeshuri
Icyumweru cya karindwi	<ul style="list-style-type: none"> - Gutahura ingombajwi z mu magambo yumvise - Gusoma amagambo n’interuro birimo ingombajwi z - Kwandika amagambo 	Ingombajwi z	<ul style="list-style-type: none"> - Kwereka abanyeshuri imfashanyigisho - Gufasha abanyeshuri gutahura ingombajwi z - Gusaba abanyeshuri gutanga ingero zirimo ingombajwi z - Gusomesha amagambo arimo ingombajwi z - Gusomesha interuro ngufi zirimo ingombajwi z - Kwandikisha ingombajwi z - Kwandikisha amagambo n’interuro ngufi birimo ingombajwi z 	<ul style="list-style-type: none"> - Ingero zifatika ziboneka aho ishuri riri (izuru, iziko, umuzi, amazeru, izina...) - Amashusho, ibishushanyo cyangwa agakuru. 	<ul style="list-style-type: none"> - Kuvuga amagambo arimo ingombajwi z - Gutahura ingombajwi muri ayo magambo - Kwitegereza ingombajwi z - Gusoma amagambo n’interuro ngufi birimo ingombajwi z - Kwandika ingombajwi z

	n'interuro birimo ingombajwi z				- Kwandika amagambo n'interuro ngufi birimo ingombajwi z
--	--------------------------------	--	--	--	---

Umwaka wa mbere: igihembwe cya kabiri

Icyumweru	Intego zihariye	Ibyigwa	Imbonezamasomo	Imfashanyigisho	Ibikorwa n'umunyeshuri
Icyumweru cya munani	- Gutahura	Ingombajwi h	- Gufasha abanyeshuri gusesengura	- Ingero zifatika	- Kuvuga amagambo

<p>ingombajwi h mu magambo yumvise</p> <p>- Gusoma amagambo n'interuro birimo ingombajwi h</p> <p>- Kwandika amagambo n'interuro birimo ingombajwi h</p>			<p>imfashanyigisho</p> <ul style="list-style-type: none"> - Gutahura ingombajwi h - Gusaba abanyeshuri gutanga ingero zirimo ingombajwi h - Gusomesha amagambo arimo ingombajwi h - Gusomesha interuro ngufi zirimo ingombajwi h - Kwandikisha ingombajwi h - Kwandikisha amagambo n'interuro ngufi birimo ingombajwi h - Guha abanyeshuri amagambo atondetse mu mpushya ebyiri, - Gukosora umwitozo 	<p>ziboneka aho ishuri riri (ibihaha, umuheha, umuheto, igihoho, igihaza, ...)</p> <p>- Amashusho, ibishushanyo, cyangwa agakuru.</p>	<p>arimo ingombajwi h</p> <ul style="list-style-type: none"> - Gutahura ingombajwi h muri ayo magambo - Kwitegereza ingombajwi h - Gusoma amagambo n'interuro ngufi birimo ingombajwi h - Kwandika ingombajwi h - Kwandika amagambo n'interuro ngufi birimo ingombajwi h - Guhuza amagambo atondetse mu mpushya ebyiri akabyara interuro ziboneye
---	--	--	--	---	--

1. 3 Umwaka wa mbere: igihembwe cya gatatu

Icyumweru	Intego zihariye	Ibyigwa	Imbonezamasomo	Imfashanyigisho	Ibikorwa n'umunyeshuri
-----------	-----------------	---------	----------------	-----------------	------------------------

Icyumweru cya mbere	<ul style="list-style-type: none"> - Gutahura inyerera w/ ingombajwi s mu magambo yumvise - Gusoma amagambo n'interuro birimo inyerera w/ ingombajwi s - Kwandika amagambo n'interuro birimo inyerera w/ ingombajwi s 	Inyerera w / ingombajwi s	<ul style="list-style-type: none"> - Gufasha abanyeshuri gutahura inyerera w/ ingombajwi s bahereye ku mfashanyigisho - Gusaba abanyeshuri gutanga ingero zirimo inyerera w/ ingombajwi s - Gusomesha amagambo arimo inyerera w/ ingombajwi s - Gusomesha interuro ngufi zirimo inyerera w/ ingombajwi s - Kwandikisha inyerera w/ingombajwi s - Kwandikisha amagambo n'interuro ngufi birimo inyerera w/ ingombajwi s 	<ul style="list-style-type: none"> - Ingero zifatika ziboneka aho ishuri riri (ikawa, ibaruwa; isaha, isukari, isusa, isaso, ...) - Amashusho, ibishushanyo cyangwa agakuru. 	<ul style="list-style-type: none"> -Kuvuga amagambo arimo inyerera w/ ingombajwi s - Gutahura inyerera w/ ingombajwi s muri ayo magambo - Kwitegereza inyerera w/ ingombajwi s - Gusoma amagambo n'interuro ngufi birimo inyerera w/ ingombajwi s - Kwandika inyerera w/ ingombajwi s - Kwandika amagambo n'interuro ngufi birimo inyerera w/ ingombajwi s
----------------------------	---	---------------------------	--	--	--

Umwaka wa mbere: igihembwe cya gatatu

Icyumweru	Intego zihariye	Ibyigwa	Imbonezamasomo	Imfashanyigisho	Ibikorwa n'umunyeshuri

Icyumweru cya kabiri	<ul style="list-style-type: none"> - Gutahura ingombajwi d/ v mu magambo yumvise - Gusoma amagambo n'interuro birimo ingombajwi d/ v - Kwandika amagambo n'interuro birimo ingombajwi d/ v 	Ingombajwi d/ v	<ul style="list-style-type: none"> - Kwereka abanyeshuri imfashanyigisho - Gutahura ingombajwi d/ v - Gusaba abanyeshuri gutanga ingero zirimo ingombajwi yigwa - Gusomesha amagambo arimo ingombajwi d/ v - Gusomesha interuro ngufi zirimo ingombajwi d/ v - Kwandikisha ingombajwi d/ v - Kwandikisha amagambo n'interuro ngufi birimo ingombajwi d/ v 	<ul style="list-style-type: none"> - Ingero zifatika ziboneka aho ishuri riri (urudodo, umudahu, idebe; uruvu, ikivovo, ivi...) - Amashusho, ibishushanyo cyangwa agakuru. 	<ul style="list-style-type: none"> -Kuvuga amagambo arimo ingombajwi d/ v - Gutahura ingombajwi d/ v muri ayo magambo - Kwitegereza ingombajwi d/ v - Gusoma amagambo n'interuro ngufi birimo ingombajwi d/ v - Kwandika ingombajwi d/ v - Kwandika amagambo n'interuro ngufi birimo ingombajwi d/ v
-----------------------------	---	------------------------	---	--	--

Umwaka wa mbere: igihembwe cya gatatu

Icyumweru	Intego zihariye	Ibyigwa	Imbonezamasomo	Imfashanyigisho	Ibikorwa n'umunyeshuri
-----------	-----------------	---------	----------------	-----------------	------------------------

<p>Icyumweru cya gatatu</p>	<ul style="list-style-type: none"> - Gutahura ingombajwi c/ f mu magambo yumvise - Gusoma amagambo n'interuro birimo ingombajwi c/ f - Kwandika amagambo n'interuro birimo ingombajwi c/ f 	<p>Ingombajwi c/ f</p>	<ul style="list-style-type: none"> - Gufasha abanyeshuri gusesengura imfashanyigisho - Gutahura ingombajwi c/ f - Gusaba abanyeshuri gutanga ingero zirimo ingombajwi yigwa - Gusomesha amagambo arimo ingombajwi c/ f - Gusomesha interuro ngufi zirimo ingombajwi c/ f - Kwandikisha ingombajwi c/ f - Kwandikisha amagambo n'interuro ngufi birimo ingombajwi c/ f 	<ul style="list-style-type: none"> - Ingero zifatika ziboneka aho ishuri riri (umucaca, umuceri, igicuma; ifu, amafoto, itafari, ...) - Amashusho, ibishushanyo cyangwa agakuru. 	<ul style="list-style-type: none"> - Kuvuga amagambo arimo ingombajwi c/ f - Gutahura ingombajwi c/ f muri ayo magambo - Kwitegereza ingombajwi c/ f - Gusoma amagambo n'interuro ngufi birimo ingombajwi c/ f - Kwandika ingombajwi c/ f - Kwandika amagambo n'interuro ngufi birimo ingombajwi c/ f
------------------------------------	---	-------------------------------	---	--	---

Umwaka wa mbere: igihembwe cya gatatu

Icyumweru	Intego zihariye	Ibyigwa	Imbonezamasomo	Imfashanyigisho	Ibikorwa n'umunyeshuri
Icyumweru cya kane	<ul style="list-style-type: none"> - Gutahura ingombajwi j/ p/ l mu magambo yumvise - Gusoma amagambo n'interuro birimo ingombajwi j/ p/ l - Kwandika amagambo n'interuro birimo ingombajwi j/ p/ l 	Ingombajwi j/ p/ l	<ul style="list-style-type: none"> - Gufasha abanyeshuri gutahura ingombajwi j/ p/ l bahereye ku mfashanyigisho - Gusaba abanyeshuri gutanga ingero zirimo ingombajwi yigwa - Gusomesha amagambo arimo ingombajwi j/ p/ l - Gusomesha interuro ngufi zirimo ingombajwi j/ p/ l - Kwandikisha ingombajwi j/ p/ l - Kwandikisha amagambo n'interuro ngufi birimo ingombajwi j/ p/ l 	<ul style="list-style-type: none"> - Ingero zifatika ziboneka aho ishuri riri (ijuru, ijosi, ijana; ipapayi, ipikipiki, icupa, ipasi; Kigali...) - Amashusho, ibishushanyo cyangwa agakuru. 	<ul style="list-style-type: none"> - Kuvuga amagambo arimo ingombajwi j/ p/ l - Gutahura ingombajwi j/ p/ l muri ayo magambo - Kwitegereza ingombajwi j/ p/ l - Gusoma amagambo n'interuro ngufi birimo ingombajwi j/ p/ l - Kwandika ingombajwi j/ p/ l - Kwandika amagambo n'interuro ngufi birimo ingombajwi j/ p/ l

Umwaka wa mbere: igihembwe cya gatatu

Icyumweru	Intego zihariye	Ibyigwa	Imbonezamasomo	Imfashanyigisho	Ibikorwa n'umunyeshuri
